**ITANGAZO RY'ISOKO RYO GUTANGA IMBUTO Y'IBIGORI N'IFUMBIRE BIZAHABWA ABAFATANYABIKORWA BATERWA INKUNGA N'UMUSHINGA EU KUNGAHARA USHYIRWA MU BIKORWA NA ASSOCIATION MWANA UKUNDWA KU BUFATANYE NA TEARFUND-RWANDA, BO MU KARERE KA GISAGARA**

Association Mwana Ukundwa (AMU) ku bufatanye na TEARFUND-Rwanda mu mushinga EU Kungahara ukorera mu karere ka Gisagara na Nyaruguru, irifuza gutanga isoko ryo kugemura imbuto y'ibigori "Hybrid WH 507", ifumbire ya DAP n'iya UREA mu karere ka Gisagara

Hakenewe ubwoko bw'imbuto ya **"Hybrid WH 507"** ingana na kilograme (kg) ibihumbi bibiri magana ane na mirongo inani n'esheshatu (**2,486kgs),** ifumbire ya DAP ikenewe ingana na kilograme ibihumbi icumi n'ibiro magana atanu na cumi (**10,510kgs**) n'iya UREA ingana na kilograme ibihumbi icumi n'ibiro magana atanu na cumi (**10,510kgs**). Ni ibyo gutangwa mu mirenge umushinga ukoreramo ariyo; Kansi, Kigembe, Mugombwa, Musha, Ndora na Save nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe ikurikira;

**<u>INGANO Y'IMBUTO IBIGORI N'IFUMBIRE BIKENEWE MURI BURI MURENGE</u>**

| No | IMIRENGE | HYBRIDE WH507 (Kgs) | DAP (Kgs) | UREA (Kgs) |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Kansi | 643 | 2,929 | 2,929 |
| 2 | Kigembe | 681 | 3,100 | 3,100 |
| 3 | Ndora | 458 | 2,246 | 2,246 |
| 4 | Mugombwa | 268 | 1,222 | 1,222 |
| 5 | Save | 283 | 678 | 678 |
| 6 | Musha | 153 | 335 | 335 |
| **Total** | | **2486** | **10,510** | **10,510** |

**Abifuza gupiganira iri soko ry'imbuto y'ibigori n'ifumbire bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

- Ibaruwa isaba isoko yandikiwe umuyobozi mukuru wa Association Mwana Ukundwa.
- Kuba ari Company/Cooperative/Umuntu ku giti cye
- Kuri Cooperative igomba kuba ifite ubuzima gatozi
- Proforma igaragaza ibiciro by'imbuto y'ibigori yavuzwe hejuru muri iri tangazo
- Kugaragaza Certificat ya RDB / Icyemezo cya RICA cyangwa Certificat y'Akarere imwemerera gucuruza inyongeramusaruro (Ufite kimwe muri ibi byangombwa byasabwe yemerewe gupiganira iri soko)

- Kuba ari Company,Cooperative cyangwa umuntu ku giti cye ifite/afite icyangombwa gitangwa na RDB kimwemerera gukora imirimo ibyara inyungu (RDB registration certificate)
- Kuba company /Cooperative/Umuntu ku giti cye; ifite/afite icyangombwa gitangwa na bank kigaragaza konti kandi ikora.
- Fotokopi y'indangamuntu/icyemezo gisimbura indangamuntu ya nyiri company/uhagarariye Cooperative mu buryo bwemewe n'amategeko, cyangwa iy'umuntu ku giti cye
- Proforma igaragaza igiciro n'ibisobanuro bihagije
- Kuba afite icyangombwa cyerekana ko nta mwenda abereyemo RRA na RSSB kugeza ku munsi isoko rizafungurirwa.
- Kugaragaza mu nyandiko ko azishyurwa hakoreshejwe Payment order (OP)
- Fotokopi y'indangamuntu/icyemezo kiyisimbura ya/cya nyiri company/uhagarariye Cooperative mu buryo bwemewe n'amategeko
- Kuba asanzwe akora umurimo wo kugura no gutanga inyongeramusaruro bigaragazwa n'inyandiko yerekana ko yakoze isoko risa nkiri.
- Kuba afite icyangombwa cyerekana ko nta mwenda abereyemo RRA na RSSB kugeza ku munsi isoko rizafungurirwa.
- Kuba afite icyangombwa kigaragaza ko atanga facture ya EBM ndetse n'aho aheruka kuyitangira mu gihe cy'amezi atandatu uhereye kw'itariki itangazo ritangiweho.

**Icyitonderwa:**

- Kugira imbuto yujuje ubuziranenge (Certified seeds)
- Mu gihe utsindiye isoko ugomba kuba wagejeje imbuto n'ifumbire mu mirenge ikenewemo bitarenze tariki ya 05/9/2025

Abujuje ibisabwa muri iri tangazo, barashishikarizwa kuzageza amabaruwa afunze arimo ibyagombwa byose byasabwe ku biro bya Associaition Mwana Ukundwa biri mu karere ka Huye mu murenge wa Ngoma, ku i Taba, ku wa gatatu tariki 07/08/2025 saa munani z'amanywa (14h00) ari nawo munsi wo gufungura amabaruwa ku mugaragaro.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara telefoni igendanwa ifite nomero 0788508408 / 0788830927 / 0788530061

Bikorewe i Kigali, kuwa 25/07/2025

Dr Samuel Byiringiro
AMU-Executive Director

AMU
Association Mwana Ukundwa
Head Office